**URWEGO RW'U RWANDA RUSHINZWE IGORORA** **Kigali 06/ 09/2023**

**IBIRO BY'UMUVUGIZI**
**P.O. Box 6516**
**KIGALI**
**www.rcs.gov.rw**

**ITANGAZO RIGENEWE ABATURAGE**

1. Ubuyobozi bw'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), ruramenyesha abafite ababo mu magororero ko nyuma y'ibihe by'icyorezo cya Covid 19 yari yaratumye hari ibikorwa bitandukanye byari byarahagaze byatumaga abantu bahura harimo no guhererekanya amafaranga mu ntoki bihagarara mu rwego rwo kwirinda no kurinda ikwirakwiza ryacyo ariko hakajyaho ingamba zo kohereza amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga rya MoMo ndetse bukaba bukinakoreshwa.

2. Kubera ko hashize iminsi myinshi Amagororero yakira kuri MoMo za Code zashyizweho ku Magororero yose yo mu Rwanda amafaranga ariko ntihagaragare abayohereje n'abayohererejwe,

3. RCS irasaba umuntu wese uzi ko yohereje amafaranga umugororwa cyangwa umuntu ufunze hakoreshejwe uburyo bwavuzwe haruguru ariko ntagere kuwo yagenewe ko yakwegera ubuyobozi bw'iryo gororero bukamufasha kubikemura cyangwa agahamagara ku mirongo itishyurwa iboneka kuri website ya RCS: www.rcs.gov.rw.

4. RCS iributsa kandi ko umuntu wese ushaka koherereza umugororwa cyangwa umuntu ufunze amafaranga hakoreshejwe ubu buryo agomba kohereza ubutumwa bugufi kuri nimero zabugenewe bijyanye naho umuntu yohereza aherereye atibagiwe kugaragaza imyirondoro ye hamwe n'iyuwo yohereje hiyongeyeho nimero ya RCS imuranga.

5. Murakoze.

**Daniel KABANGUKA RAFIKI**
SP
Umuvugizi wa RCS

Digitally signed by SP RAFIKI KABANGUKA Daniel
Date: 2023.09.07 14:08:42 +02'00'